

Serivisi z'Ubusonerwe bwa Medicaid zitangirwa mu rugo ndetse no mu miryango aho abakoresha ubu bwishingizi batuye

Serivisi z'Ubusonerwe bwa Medicaid zitangirwa murugo ndetse no mu miryango aho abayikoresha batuye (HCBS) zifasha leta gukoresha inkunga z'ubwishingizi bwa Medicaid mu kugeza serivisi kubakoresha ubu bwishingizi mu ngo zabo ndetse no mu miryango aho batuye, aho kujiyana mubigo bitanga serivisi z'ubuvuzi. Umuntu agomba kuba akoresha ubwishingizi bwa Medicaid kugira ngo abone ubufasha/ubusonerwe bwayo. Kujiya muri gahunda y'ubusonerwe bw'ubwishingizi bwa Medicaid butangira serivise mu ngo (HCBS) ni ubushake kandi bishingira ku byifuzo by'umuntu kugiti ke. **Umuntu yemerewe kuba muri porogaramu y'ubusonerwe imwe gusa.**

Kugira ngo wemerewe kujiya muri gahunda iyo ari yo yose y'ubusonerwe bwa Medicaid HCBS, ugomba:

- Kuba uri umuturage wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika cyangwa umunyamahanga wemewe n'amategeko hashingiwe ku Itegeko Mpuzamahanga rigenga Abinjira n'Abasohoka rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kandi ugomba kuba uri mu gihugu mu buryo bwemewe n'amategeko;
- Kuba uri umuturage wa Leta ya Nebraska; kandi
- Ukoresha ubwishingizi bwa Medicaid.

Buri busonerwe buba bufite ibyo bushingiraho byihariye kugira ngo ubwemererwe.

Hari uburyo bubiri bw'ubusonerwe ku bantu bujije ibisabwa ku rwego rwo kwitabwaho mu kigo cyita ku barwayi (Nursing Facility - NF):

- Ubusonerwe bugenewe abageze muzabukuru ndetse n'ababana n'ubumuga (AD):** Bugenewe abantu bari mu bigero byose ndetse n'ababana n'ubumuga bari hejuru y'imyaka 65 y'ubukuru.
- Ubusonerwe ku mpamvu z'ihungabana ryo mu mutwe ryatewe no gukomereka k'ubwonko (**Traumatic Brain Injury - TBI**): Bugenewe abantu bafite imyaka 18 kuzamura bagize ibibazo by'ihungabana bikomoka ku ikomereka bagize. Iri sonerwa ntabwo rirebana n'ibibazo byo kwangirika k'ubwonko byatewe no kwangirika kw'imitsi iyana amaraso mu bwonko, kanseri, ndetse n'izindi mpamvu zidafitanye isano n'ihungabana.

Hari uburyo butatu bwo gusonerwa bugenewe abantu bafite ubumuga bw'imikurire, bitabwaho n'ikigo cyita ku barwayi bafite ubumuga bwo mu mutwe (ICF-IID) hashingiwe ku rwego rw'ubuvuzi bakeneye:

- Inkunga y'ubusonerwe igenewe umuryango (FSW):** Igenewe abantu bakivuka kugeza ku myaka 21 y'ubukuru. Inkunga na serivisi bifasha abana gukomeza kuba mu ngo z'imiryango yabo.
- Porogaramu y'umunsi igenewe abakuze bafite ubumuga bw'imikurire (DDAD):** Igenewe abantu bafite imyaka kuva kuri 21 kuzamura. Hari gahunda y'umunsi yibanda kuguhuriza hamwe abafite ubumuga bw'imikurire bakabaha inyigisho zikubiyemo, ubufasha bw'imirimo, ndetse no kubaha ubumenyi bazifashisha mu kazi mu gihe kizaza. Ndetse kandi bikubiyemo serivisi z'imibereho zi gufasha kuba wakibana wowe ubwawe, ukaba wabana n'umuryango cyangwa n'Inshuti.
- Porogaramu igufasha gusobanukirwa ubumuga bw'imikurire ufite (CDD):** Igenewe abantu b'ingeri zose. Serivisi zitangirwa mu rugo ndetse no mu mu ryango zikubiyemo serivisi z'amasaha 24 zo kwigisha ibijyanye n'imiturire.

Ipaji imwe ikubiyemo incamake y'ubusonerwe:

- [Ifishi ikubiyemo amakuru ajyanye n'ubusonerwe bugenewe abasheshakanguhe ndetse n'abafite ubumuga \(AD\)](#)
- [Ifishi ikubiyemo amakuru ajyanye n'ubusonerwe bujyanye n'ibibazo by'ihungabana byatewe n'yangirika ry'ubwonko \(TBI\)](#)
- [Ifishi ikubiyemo amakuru ajyanye n'inkunga y'ubusonerwe igenewe umuryango \(FSW\)](#)
- [Ifishi ikubiyemo amakuru ajyanye n'ubusonerwe n'umunsi wahariwe abafite ubumuga bw'imikurire \(DDAD\)](#)
- [Ifishi ikubiyemo amakuru ajyanye n'ubusonerwe no gusobanukirwa ubumuga bw'imikurire \(CDD\)](#)

Kubindi bisobanuro sura uru rubuga: <https://dhhs.ne.gov/Pages/DD-Resources.aspx>



SERIVISI ZITANGWA KURI BURI POROGARAMU Y'UBUSONERWE	AD	TBI	FSW	DDAD	CDD
Umunsi wahariwe Abakuze hakorwa ibikorwa by'ubusabane, Ubugenzuzi ndetse n'ubufasha. Bta kwigisha bikorwa.				✓	✓
Umunsi wahariwe ubuzima bw'abakuze Ubufasha kwitabira ibikorwa rusange bateguye neza, nko kwigishwa ndetse n'ibikorwa byo kwita k'ubuzima.	✓	✓			
Ubufasha bw'Imibereho butangwa n'ikigo kibifitiye uburenganzira binyuze muri serivisi z'imibereho ndetse n'ubufasha.	✓	✓			
Ubufasha bw'Ikoranabuhanga butanga ibikoresho bifasha mu kongera ubumenyi ndetse no kumva umuntu yisanzuye.	✓	✓	✓	✓	✓
Ubufasha bw'ubujyanama bugufasha kumenyesha uko gukora akazi cyangwa kwihangira umurimo bishobora kugira ingaruka ku mibereho yawe ya buri munsi.				✓	✓

SERIVISI ZITANGWA KURI BURI POROGARAMU Y'UBUSONERWE	AD	TBI	FSW	DDAD	CDD
Amahugurwa y'abita kubandi ni inyigisho zigenewe abantu bita ku barwayi cyangwa abageze mu zabukuru nta kiguzi.		✓	✓		
Umunsi wahariwe kwita kubana bafite ubumuga Ufasha abana binyuze mu kubigisha no kubaha ubufasha bujyanye n'imibereho y'umuryango mugari batuyemo.			✓		✓
Imirimo ya buri munsi igufasha gukora imirimo yo murugo, kugirango ubashe kuguma murugo.	✓	✓			
Kwihuza n'abandi mu muryango mugari/ kugirana imikoranire bifasha umuntu kwitabira ibikorwa bitandukanye bibera mu muryango cyangwa aho atuye.		✓	✓	✓	✓
Umufasha ugenewe kuba hafi y'abakuze bari mu kigero cy'imyaka 18 gusubiza hejuru; ubugenzuzi ndetse n'ubufasha bw'imibanire myiza bitangirwa aho umuntu atuye ndetse no mu muryango mugari abarizwa mo.	✓	✓			
Isuzuma rishingiye ku bujyanama rigenewe abantu bakuru ritanga isuzuma n'inama ku myitwarire igoye.				✓	✓
Ubufasha bwo Kumanywa butanga ibikorwa ndetse n'inyigisho bitangiwe ahantu hagenwe n'ubutanga.			✓	✓	✓
Gusuzuma amahirwe y'imirimo bifasha umuntu guhitamo niba ashaka gukorana n'abandi niba ashaka kwikorera, abifashijwemo no gusura aho bakorera, kuganira n'abakozi, no gusobanurirwa imirimo n'ibikorwa by'ubucuruzi bwo mu gace atuyemo.				✓	✓
Isuzuma rigamije guhindura ibigukikije rekwereka ibyo ugomba guhindura ku modoka yawe cyangwa aho utuye kugirango bigire imiterere wifuza.			✓	✓	✓
Ubundi bufasha bwo kwita kubana babana n'ubumuga bugenewe urubiruko ruri mu kigero cy'imyaka 17 bubemerera kwitabwa ho bisanzwe kugirango babe bahabwa akazi cyangwa bajya ba jya mu ishuri.	✓				
Inama zitangwa n'umuryango ndetse n'urungano batanga abajyanama bafite ubunararibonye ku buzima bafasha kumenya inzego zose ndetse n'uburyo bwose bwo kubaho.			✓		
Kwita ku isuku n'ubuzima rusange biyana no gukurikirana, gukusanya amakuru, no gusangiza muganga wawe amakuru ajyanye n'ubuzima bwawe bwite.					
Serivisi ya Garuka murugo/ Gukurikiranwa uri mu rugo Yishyura ikiguzi n'ibisabwa byose kugirango ubashe kuva mu kigo cyita ku barwayi cyangwa abafite ubumuga ujye gutura mu rugo rwawe cyangwa mu nzu ifasha abadafite ubushobozi bwo kwifasha neza.	✓			✓	✓
Serivisi yo kuzanirwa ibiryo mu rugo igufasha kuzanirwa ibiryo mu rugo iwawe.	✓	✓			
Kuvugurura mu rugo rwawe cyangwa imodoka mu rwego rwo guhuza aho utuye n'imodoka yawe n'ibyo ukeneye, kwirinda impanuka, no kwikorera bimwe mu byo ukeneye.	✓	✓	✓	✓	✓
Umukozi wo mu rugo akora imirimo yo mu rugo no kwita ku rugo kugira ngo afashe usanzwe arwitaho igihe adahari cyangwa atabashije kurwitaho.			✓		✓
Kwitoza Ubumenyi bwo Kwikorera bitanga inyigisho ku mirimo yo mu buzima bwa buri munsi kugira ngo bifashe gusubirana ubumenyi umuntu yari yaratakaje. Bitangiwe mu rugo iwawe cyangwa mu itsinda.	✓				
Amahugurwa atangirwa mu rugo rwawe (Niba wibana) cyangwa mu rugo rw'umuryango (Niba ubana n'umuryango) atanga inyigisho zigamije kugufasha mu mibereho ya buri munsi.			✓	✓	✓
Serivisi yo kwitabwaho byihariye itangwa n'umuntu ubifitiye ububasha ahabwa n'amategeko (LRI) igahabwa umuntu uri mukigero cy'imyaka runaka ukeneye ubufasha mu bikorwa by'ubuzima bwa buri munsi haba murugo ndetse no mu muryango mugari abarizwamo.	✓		✓	✓	✓
Kwiyitaho ku bantu bari mukigero cy'imyaka 18 gusubiza hejuru harimo kubafasha mu bikorwa by'ubuzima bwa buri munsi, ubufasha bwo kubaha hafi, ndetse n'imirimo ijyanye no kwita k'ubuzima.	✓	✓			
Uburyo bwo kwitabariza (PERS) ni igikoreshe kigenewe gutabaza igihe havutse ikibazo kihutirwa.	✓	✓	✓	✓	✓
Amahugurwa y'itegura-mwuga atanga ubumenyi rusange bukenewe kugira ngo umuntu abone akazi.				✓	✓
Ubufasha bw'iyakure bukoresha ikoranabuhanga kugirango bugufashe mu bice bitandukanye hifashishijwe itumabaho ryihuse.			✓	✓	✓
Serivisi yo guherwa ubufasha aho utuye; ikubiyemo aho utuye hahoraho, aho ucumbikiwe, aho ubana n'abandi ndetse no munzu y'urubiruko ihoraho.					✓
Serivisi y'ikiruhuko itanga ikiruhuko ku muntu usanzwe aguha ubufasha.	✓	✓	✓	✓	✓
Ubufasha bw'amahugurwa y'akazi mu matsinda mato mu kigo cy'ubucuruzi cyangwa aho mutuye, aho wigira ubumenyi n'imyitwarire y'akazi kugira ngo uzabashe kubona akazi mu gihe kizaza.				✓	✓
Serivisi zihariye z'ubufasha bwo mu rugo ni serivisi zihariye zitangirwa mu rugo zigenewe abasheshe akanguhe batabasha kuva mu rugo by'agateganyo ngo bajye mu bikorwa bya buri munsi; zirimo izijyanye n'imyitwarire n'iz'ubuvuzi.					✓
Serivisi yo kugenera umuntu akazi ka mukwiye kandi kazaramba bigufasha gukora akazi kawe neza ndetse no gukorana n'abandi neza.		✓		✓	✓
Uburyo bw'ingendo bugufasha ku kuvana ahantu hamwe ujya ahandi mu gace utuyemo atari kubwi impamvu z'ubuvuzi.	✓	✓	✓	✓	✓